Itangazo rya Sr Hélène Nayituriki ku wamwiyitiriye agasaba amafaranga

Umuyobozi w'Ishuri Lycée Notre Dame de Citeaux aramenyesha abantu bose ko hari umuntu uri kumwiyitirira agasaba abo baziranye amafaranga ababwira ko yagize ibyago.

Sr Hélène Nayituriki avuga ko umwiyitirira avuga ko atuye Ntungamo muri Uganda, akaba amaze amezi asaga icyenda asaba abantu amafaranga ari hagati y'ibihumbi 13 na 20 akababwira ko yagize ibyago agapfusha umuntu mu gihe abandi ababwira ko arwaye cyangwa se arwaje.

Uyu muntu usaba abantu amafaranga mu izina rya Sr Hélène, akoresha nimero ya MTN ibaruye ku mazina ya Justin Mulisa, ariko akabwira abantu ko bamwoherereza amafaranga kuri TIGO.

Sr Hélène Nayituriki nta byago yagize kandi ni muzima ntarwaye ndetse ngo ntiyigeze ajya kuba Ntungamo muri Uganda, kuko atuye mu Karere ka Nyarugenge. Arasaba abahamagarwa basabwa gutanga amafaranga mu izina rye kutagira uwo bongera kuyaha no kubibwira abandi ngo batazagwa muri uwo mutego.